

**Office of the Vice Chancellor**

**Kigali kuwa 20 Mutarama 2021**

Ref. No: RP/VC/.017../2021

**Madamu/Bwana Umuyobozi w' Akarere (Bose)**

**Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w' Akarere (Bose)**

**Impamvu: Gushyira mu kazi abasabye kwigisha mu mashuri y'imyuga n'ubumenyigiro**

Madamu/Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku Iteka rya Perezida N° 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho Sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n'ay'Imyuga n'Ubumenyigiro mu ngingo ya 19;

Nshingiye ku ibaruwa N° 300/HRO/20 yo ku wa 09/10/2020 Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta (NPSC) yandikiye Minisitiri w'Uburezi yemera ubusabe bwo gushaka abarimu hakoreshejwe uburyo budasanzwe;


Mboherereje ku mugereka urutonde rw'abakandida bujuje ibisabwa barobanuwe hagendewe ku manota bagize mu ishuri (Academic merits), ndetse na bamwe mu bari bakoze ibizamini by'akazi muri Nyakanga 2020 (sat for exams in July 2020), ariko bagiye bahindurirwa aho gukorera ku mpamvu zitandukanye zagaragajwe muri za raporo ku ishyirwamumyanya ryakozwe guhera mu Ugushyirwa 2020, kugira ngo bashyirwe mu kazi ko kwigisha guhera tariki ya 01 Gashyantare 2021.

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushaka abarimu ariko hubahirizwa ibiteganwa n'amategeko, ndabasaba ibi bikurikira:

- Kugaragaza urwo rutonde ahagenewe inyandiko n'amatangazo by'Akarere;
- Gushyira urwo rutonde ku rubuga rw'Akarere (district website);

- Gufasha aba barimu bashya kuzuzwa ibyangomwa bisabwa mbere yo guhabwa amabaruwa abashyira mu kazi. Aba barimu basabwe kuba bagejeje ku karere ibyangombwa bisabwa bitarenze tariki ya 25 Mutarama 2021;
- Gutanga amabaruwa ashya abarimu bashya mu kazi kuwa 01 Gashyantare 2021;
- Kugeza kuri RP raporo igaragaza urutonde rw'abarimu bashya bahawe amabaruwa n'abatarayahawe hagaragazwa n'impamvu batayahawe, hifashishijwe imbonerahamwe ziri ku mugereka, bitarenze kuwa 05 Gashyantare 2021;
- Gufasha abarimu bashya kwimenyereza umwuga wo kwigisha.

Mugire amahoro.




**Dr. GASHUMBA James**

**Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Polytechnic**

**Bimeneshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe ICT na TVET
- Madamu Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Bwana Umuyobozi Mukuru wa Rwanda TVET Board (RTB)
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)